BERGEN
KOMMUNE

# Kwishura make mu ishuri ry'incuke na SFO?

Imiryango ifite amikoro make ishobora gusaba kwishyura make mu mashuri y'incuke no mu muri SFO (amashuri yita ku bana). Niba mufite amikoro make, mushobora kandi kubona umwanya w'ibanze mu ishuri ry'incuke. Igihe cyibanze kitishyurwa bisobanura ko umwana ashobora kuba muri ishuri ry'incuke amasaha 20 mu cyumweru mutamwishyurira.

Mushobora kwemererwa kwishyura make mu gihe amafaranga mwishyura mu mashuri y'incuke / SFO arenze atandatu kw'ijana by'amafaranga mwinjiza mu rugo.

Usaba agomba kuba yanditswe kuri aderesi imwe mu gitabo cy'igihugu ihuye n'iy'umwana kugira ngo ube wasaba kwishyura make ku ishuri ry'incuke ndetse na SFO.

Ugomba kuba wamaze kwemera umwanya mu ishuri ry'incuke / SFO mbere yuko usaba igiciro cyagabanijwe.

Igiciro cyagabanijwe gitangwa ku gihe umwana ari mu ishuri ry'incuke / SFO. Mugomba kwiyihyurira ibiryo.

Imiryango ifite abana benshi mu mashuri y'incuke / SFO nabo bagabanirizwa igiciro kuri barumuna babo. Ibi bivuze ko mushobora kugabanyirizwa ibiciro. Ibi si ngombwa ko ubisaba.

Ni buryo ki usaba

1. Injira kuri Vigilo foreldreportal (mu kiroveje gusa ).

2. Umaze kwinjira mo, uzabona amazina yabana bawe bafite umwanya mu mashuri y'incuke cyangwa SFO. Hitamo "**søknader**" muri menu ibumoso. Kanda kuri "**Ny søknad**" hanyuma uhitemo "**Redusert betaling**". Uhitemo abo bana bose usabira.

3. Andikamo  amafaranga yose ya buri wese ari asoreshwa kimwe nandi y'ishoramari y'abo mu muryango banditswe kuri aderesi imwe n'iyabana ahanditse  "**samlet bruttoinntekt**".

4. Iyo twiga gusaba kwawe, inyandiko zerekana amafaranga umuryango winjiza ahita aboneka aturutse mu biro bishinzwe imisoro. Imibare ikoreshwa iba ishingiye ku kumenyekanisha imisoro yatanzwe umwaka ushize.

5. Uhabwa igisubizo hafi y'ibyumweru bitatu nyuma yo gusaba. Niba ufite uburenganzira bwo kugabanyirizwa, uzishyura make ukwezi gukurikira uko wasabyemo.

Ukeneye amakuru arambuye?

- Soma amakuru arambuye ku kubyerekeye imipaka y'umutungo n'ibya gahunda yo kugabanya mu kwishyura: Søke om redusert foreldrebetaling (biri mu kinorveji gusa).
- Serivisi ishinzwe abaturage ishobora gusubiza ibibazo bijyanye no kugabanya amafaranga yishyurwa mumashuri y'incuke na SFO. Bashobora kandi kugufasha gusaba mu gihe wowe n'umwana wawe mudafite numero ibaranga yo muri Noruveje. Terefone: 55 66 55 56. Urashobora kandi guza kuri Inbyggerservice i Kaigaten 4. mu masaha yo gufungura: 08:00 - 15:00.